Ni gute nafasha umuntu watakaje ubwishingizi bw'indwara bwa Medicaid ?

Kora ku buryo amakuru y'uyu muntu aba avuguruye.

Ashobora kureba kuri interineti kugira ngo amenye niba amakuru ari kuri konti ye ya myCase ari nyayo kuri jobs.utah.gov/mycase cyangwa agahamagara hamwe mu hakurikira akavugurura amakuru ye:

- Ubwishingizi bwe
- Ishami rya serivisi y'umurimo (DWS) kuri 1-866-435-7414
- Uhagarariye porogaramu y'ubuzima kuri 1-866-608-9422

Bwira uyu muntu ko agomba kugenzura kenshi konti ye ya myCase, iposita na imeyili.

DWS izavugurura konti ya myCase hanyuma imwohererereze ibaruwa cyangwa imeyili nyuma yo gusuzuma dosiye. Ibaruwa izavuga **kimwe** mu bikurikira:

- **Aracyemerewe** ubwishingizi bw'indwara bwa Medicaid.
- **Ntacyemerewe** Medicaid. Ibaruwa izaba irimo intambwe yakurikiza kugira ngo ahabwe ubundi bwishingizi bw'indwara.
- **Hakenewe andi makuru** kugira ngo bamenye niba acyemerewe Medicaid. Ibaruwa izaba irimo amafishi agomba kuzuza kandi bashobora no gusaba ibyangombwa bishyigikira dosiye (nka sheki wishuriweho, urupapuro rwa banki rw'uko konti ihagaze n'ibindi). **Ibi bakeneye ko ubyohereza vuba bishoboka—kugira ngo batazabusanya n'igihe ntarengwa.**

Fasha uyu muntu kwinjira muri gahunda y'ubundi bwishingizi bw'indwara.

Abantu bazatakaza ubwishingizi bwabo bwa Medicaid kuko batatanze impapuro bujuje, bashobora kuba bagifite iminsi 90 yo kongera kubyutsa ubwishingizi bwabo. Mubwire asubize ifishi y'isuzuma cyangwa izindi mpapuro DWS ikeneye bidatinze.

Abantu batemerewe ubwishingizi bw'indwara bwa Medicaid bashobora kuba bacyemerewe ubwishingizi binyuze muri **Health Insurance Marketplace cyangwa healthcare.gov.** Abantu benshi bemerewe kwizigamira kuri gahunda y'ubuzima kugira ngo bagabanye imisanzu n'inyunganirabwishyu. Ubwizigame bushingira ku mubare w'abagize urugo no ku mafaranga yinjira mu rugo. Gahunda zose za Marketplace zishingira ibintu nko kwandikirwa imiti, kubonana na muganga, kuvurwa byihutirwa, kwivuza ku bitaro n'ibindi.

Abantu batakaza Medicaid baba bafite iminsi 60 yo gusaba ubwishingizi bw'indwara muri Marketplace. Akenshi gahunda z'ubwishingizi bw'indwara zigira igihe gifunguye cyo kwiyandikisha buri mwaka, abantu bakaba bashobora kwiyandikisha. Umuntu yemererwa kwiyandikisha gusa mu gihe gifunguye cyo kwiyandikisha, keretse iyo afite "ikibazo cy'ubuzima gituma yemererwa". Bifatwa nk'"ikibazo cy'ubuzima gituma yemererwa" iyo umuntu atacyemerewe Medicaid. Bivuze ko abantu baba bafite **iminsi 60 nyuma y'uko ibigenwa na Medicaid birangiye** kugira ngo biyandikishe mu yindi gahunda nshya y'ubwishingizi bw'indwara.

Sura healthcare.gov/medicaid-chip/transfer-to-marketplace/ niba ukeneye andi makuru.

Utah Department of Health & Human Services

Sura medicaid.utah.gov/unwinding umenye andi makuru.